# IBIZABA KU ISI MU BIHE BIHERUKA



Icyigisho cya 12 cyo ku wa 22 Kamena 2024


LEY
DE DIOS
"Gura ukuri ntuguranure, Gura ubwenge no kwigishwa n'ubuhanga."
(Imigani 23:23)
EL DIA SABADO
DIOS
CREADOR
666

Indunduro izaranga iherezo ry'amateka ni ukubwiriza Ubutumwa Bwiza ku isi yose (Matayo 24:14).

Kubwiriza ubu butumwa bizabanzirizwa no gusukwa kwa Mwuka Wera, mu mbaraga nk'izo Mwuka Wera yasutswemo kuri Pentekote. Ibi bizwi nk'"imvura y'itumba".

Ni nde uzakīra imvura y'itumba? Ni abiyemeje kuba indahemuka ku Mana, bakayiramya bakurikiza amategeko yayo. Aba bazashyirwaho "ikimenyetso cy'Imana ihoraho" (Ibyahishuwe 7:2).





Kwitegura akaga gaheruka:

- Kuyoborwa n'Ijambo.
- Gushyirwa ikimenyetso mu ruhanga.
- Kuba indahemuka mu kuramya.

Imbaraga mvajuru:

- Imvura y'itumba.
- Kubwiriza Ubutumwa Bwiza.




# KWITEGURA AKAGA GAHERUKA

# KUYOBORWA N'IJAMBO

"Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye" (Zaburi ya 119:105)

**Waba uzi aho wakura ukuri ku byerekeye imperuka y'isi? Ubu ni bwo buryo:**


"Gura ukuri ntuguranure" (Imigani 23:23)



"namwe muzamenya ukuri" (Yohana 8:32)

"ijambo ryawe ni ryo kuri" (Yohana 17:17)

"Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, Guha abaswa ubwenge" (Zaburi ya 119:130)




**Mu bihe bya nyuma Satani azemererwa gukora ibitangaza nyabyo no gukora ubuhendanyi busa n'ukuri ku buryo buzaba budahinyuka (Ibyahishuwe 13:13–14; Matayo 24:24).**

**Kumenya Bibiliya mu buryo bwimbitse, tubiyobowemo na Mwuka Wera, ni byo byonyine bizadufasha gukomeza gushikama mu kuri (2 Petero 1:19–21).**


# GUSHYIRWA IKIMENYETSO MU RUHANGA


"Nuko ngiye kubona mbona Umwana w'Intama ahagaze ku musozi wa Siyoni, ahagararanye n'abantu agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine, bafite izina rye n'izina rya Se yanditswe mu ruhanga rwabo" (Ibyahishuwe 14:1)

Ikimenyetso cy'Imana kimenyekana mu buryo butatu:

1. Umwuka Wera. Abizera b'ibihe byose bashyiriweho Umwuka Wera kubabera ikimenyetso (Abefeso 4:30).
2. Izina, cyangwa imico y'Imana. Abanesha bose bazakigira (Ibyahishuwe 14:1; 22:4).
3. Ikimenyetso kimenyekana (Ibyahishuwe 9:4; Ezekiyeli 9:4).

Imana yashyize ikimenyetso kuri rimwe mu mategeko 10, nk'ikimenyetso cyihariye cy'abayiramya (Ezekiyeli 20:20).





| Ibigize ikimenyetso | Urugero: igiceri cy'amafaranga (Esipanye) | Isabato (Kuva 20:8–11) |
|---|---|---|
| Izina | Filipo wa VI | Yehova |
| Ubutware | Umwami | Umuremyi |
| Aho atwara | Esipanye | Ijuru n'isi n'inyanja |



# GUSHYIRWA IKIMENYETSO MU RUHANGA

"Nuko ngiye kubona mbona Umwana w'Intama ahagaze ku musozi wa Siyoni, ahagararanye n'abantu agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine, bafite izina rye n'izina rya Se yanditswe mu ruhanga rwabo" (Ibyahishuwe 14:1)





Ikimenyetso (mu ndimi z'amahanga hari inyito 3 z'iri jambo), gishobora kwakirwa mu buryo bubiri butandukanye: mu ruhānga cyangwa ku kigānza. Mu gihe abera bazacyakira mu ruhānga rwabo, abatizera bazacyakira mu ruhānga cyangwa mu kigānza cyabo (Ibyahishuwe 13:16). Ni irihe tandukaniro rihari?

| Uruhānga | Ikigānza |
|---|---|
| ICYEMEZO KIVUYE KU MUTIMANAMA | INDAMU (gushaka inyungu) |
| Kwizera uwo turamya | Turamya kubwo gutinya ingaruka |




Mu gihe Satani atitaye ku mpamvu zo kuramya, Imana yemera gusa kuramya kuvuye ku mutima kandi kūzuye (Abaroma 12:1).

# KUBA INDAHEMUKA MU KURAMYA

"kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo" (Ibyahishuwe 13:17)




Abanze kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa ntibashobora kugura cyangwa kugurisha, kandi bakangishwa urupfu (Ibyahishuwe 13:15–17). Ku rundi ruhande, nibacyakira bazagerwaho n'ibyago biheruka ndetse n'"urupfu rwa kabiri", babure ubugingo buhoraho (Ibyahishuwe 16:2; 14:9–11; 20:4, 13–15).

Ariko se, ikimenyetso cy'inyamaswa ni ikihe? Ni inyandiko-banga, ubwoko runaka bwo kugenzura ibigaragara?



Niba Isabato ari cyo kimenyetso kigaragara cy'indahemuka, ese ikimenyetso cy'inyamaswa nticyaba ari ikiganano cyacyo?

Kubera ko Bibiliya itavuga ku guhinduka uko ari ko kose k'umunsi wo kuramya, kwemera umunsi wa mbere w'icyumweru nk'umunsi wo kuramya ni ukwemera ubutware bw'Itorero ryakoze iyo mpinduka (bizwi nka 666).




Ni ubuhe bubasha tuzemera? Ububasha bw'urwego rw'abantu cyangwa ubutware bw'Imana, bugaragara neza mu Ijambo ryayo?



# IMBARAGA MVAJURU




# IMVURA Y'ITUMBA

"Noneho munezerwe bantu b'i Siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu kuko ibahaye imvura y'umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi ibavubiye imvura iy'umuhindo n'iy'itumba nk'ubwa mbere" (Yoweli 2:23).

Umuhanuzi Yoweli akoresha imvura nk'ikigereranyo cyo gusukwa kwa Mwuka Wera (Yoweli 2:23, 28). Uku ni ko Petero yabikoresheje mu kibwiriza cye ku munsi wa Pentekote (Ibyakozwe 2:14–17).

Iyi "mvura" izana kumenya Imana (Hoseya 6:3). Mu gihe cye [Petero], ["imvura"] yahinduye abantu ibihumbi mu munsi umwe (Ibyakozwe 2:41).



Mu bihe by'umwaka byo mu karere ka Mediteraneya aho Isirayeli iri, imvura ya mbere/ umuhindo (ahagana mu Kwakira) yateguriraga ubutaka kubibwa. Imvura ya kabiri/itumba, izwi nk'iya "nyuma" (ahagana muri Mata), yahaga ubutaka imbaraga zo kwera ibinyampeke.

Nkuko Itorero ryatangiranye n'imvura y'Umwuka Wera, kubwiriza buheruka ubutumwa bwiza, isarura riheruka, bizabaho nyuma yo gusukwa kw'imvura y'itumba: Umwuka Wera asukwa mu mbaraga ku bizera bo mu gihe giheruka (Ibyahishuwe 18:1).





# KUBWIRIZA UBUTUMWA BWIZA

"Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe" (Ibyahishuwe 18:1)

Yohana yabonye "marayika wundi" amanuka afite ubutware. Ubwiza bw'uyu mumarayika bukwīra isi yose (Ibyahishuwe 18:1). Ni ubuhe butumwa uyu mumarayika atangaza?

Ubutumwa bwe ni bumwe n'ubutumwa bwa marayika wa kabiri: iraguye Babuloni yayobeje amahanga yose (Ibyahishuwe 18:2–3; 14:8).

Umwuka Wera azasukwa mu mbaraga ku ndahemuka "bakomeza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12), kandi basanzwe babwiriza ubutumwa bwiza, hamwe no kuburira abantu kw'itangira ry'urubanza, ndetse n'irarika ryo kuramya Umuremyi (Ibyahishuwe 14:6–7).

Inyokomuntu yagejejweho ubu butumwa kubw'imbaraga y'imvura y'itumba, izaba igomba guhitamo hagati y'amahitamo abiri: kwemera ikimenyetso cy'Imana cyangwa ikimenyetso cy'inyamaswa (Ibyahishuwe 14:9–11).

Amajwi menshi azatangaza ubutumwa buheruka. Benshi bazahitamo kuba indahemuka kugeza ku mperuka.



"Gusukwa k'Umwuka Wera ku Itorero biracyafatwa nk'ibizabaho mu gihe kiri imbere, ariko ni amahirwe y'Itorero ko ryamwakira uhereye ubu ngubu. Mumushake, mumusengere, mumwizere. Tugomba kumuhabwa, kandi ijuru ritegereje kumuduha."

E.G. White, *Last Days Events*, p. 189

"Nyamara nta n'umwe uzagerwaho n'umujinya w'Imana keretse igihe azaba amaze kubona amahirwe yo kumenya ukuri mu ntekerezo no mu bwenge bwe, maze akakwanga. Hari abantu benshi batarigera babona amahirwe yo kumva ukuri kudasanzwe ko muri iki gihe. Ntibigeze bahabwa umucyo w'ukuri ku ihame ryo gukomeza itegeko rya kane. Usoma imitima kandi akarondora intekerezo zose ntazarekera mu buyobe umuntu wese wifuza kumenya ukuri ku byerekeye intambara ikomeye. Itegeko ryo kuruhuka ku munsi muhimbano ntawe rizatungura. Umuntu wese azahabwa umucyo uhagije kugira ngo abashe kwifatira icyemezo ubwe adahubutse."

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 38, p. 586